Kigali, kuwa 10 Kamena 2021

Iteganyagihe ryo kuva taliki ya 11 kugeza taliki ya 20 Kamena 2021

1. Incamake.

Mu gice cya kabiri cy'ukwezi kwa Kamena 2021 (kuva taliki ya 11 kugeza kuya 20) mu Rwanda hateganyijwe ubushyuhe busanzwe bwo mu gihe cy'impeshyi aho ubushyuhe bwo hejuru buzagera Kuri 32°C mu bice bimwe by'igihugu. Imvura nke iri hagati ya milimetero 0 na 15 niyo iteganyijwe henshi mu gihugu mu mpera z'iminsi icumi yiri teganyagihe. Imvura iteganyijwe iri ku kigero cy'imvura isanzwe igwa henshi mu gihugu muri iki gihe. Ikigero cy'imvura isanzwe igwa muri iki gihe kiri hagati ya milimetero 0 na 10 mu bice byinshi by'igihugu ariko igera kuri milimeteo 15 mu majyaruguru y'iburengerazuba. Iminsi imvura iteganyijwe kubonekamo izaba iri hagati y'umunsi umwe (1) n'iminsi ibiri (2).

2. Imvura iteganyijwe

Imvura iteganyijwe mu gihugu mu buryo bukurikira:

- **Intara y'Iburasirazuba:** Imvura iri munsi ya milimetero 3 niyo iteganyijwe hose mu ntara y'Iburasirazuba
- **Umujyi wa Kigali:** Naho hateganyijwe imvura iri munsi ya milimetero eshatu (3 mm)
- **Intara y'Amajyepfo:** Imvura iri munsi ya milimetero 3 iteganyijwe mu turere twa Gisagara, Huye, Nyanza, Ruhango na Kamonyi, mu majyepfoy'akarere ka Muhanga no mu burasirazuba bw'uturere twa Nyaruguru na Nyamagabe. Imvura iri hagati ya milimetero 3 na 7 iteganyijwe mu majyaruguru y'akarere ka Muhanga, mu burengerazuba bw'akarere ka Nyaruguru no hagati mu karere ka Nyamagabe. Imvura iri hagati ya milimetero 7 na 10 iteganyijwe burengerazuba bw'akarere ka Nyamagabe.

- **Intara y'Iburengerazuba:** Imvura iri hagati ya milimetero 3 na 7 iteganyijwe henshi mu turere twa Karongi na Ngororero, mu burasirazuba bw'uturere twa Nyabihu na Rutsiro no mu burengerazuba bwa Rusizi. Imvura iri hagati ya milimetero 7 na 10 iteganyijwe henshi mu karere ka Nyamasheke, mu bice byo hagati mu karere ka Rutsiro, mu burasirazuba bwa Rubavu n'ahasigaye mu turere twa Nyabihu, Ngororero na Rusizi. Mu bice bisigaye by'uturere twa Nyabihu, Imvura iri hagati ya milimetero 10 na 15 iteganyijwe mu majyaruguru y'akarere ka Rutsiro no mu burengerazuba bw'akarere ka Rubavu.

- **Intara y'Amajyaruguru:** Imvura iri munsi ya milimetero 3 iteganyijwe mu karere ka Gicumbi, henshi mu karere ka Rulindo no mu majyepfo y'akarere ka Gakenke. Imvura iri hagati ya milimetero 3 na 7 iteganyijwe mu karere ka Burera n'ahasigaye hose mu turere twa Gakenke, Rulindo na Gicumbi no mu burasirazuba bw'akarere ka Musanze. Imvura iri hagati ya milimetero 7 na 10 iteganyijwe mu majyaruguru y'akarere ka Musanze.

3. Ubushyuhe bwo hejuru buteganyijwe

Mu gice cya kabiri cya Kamena 2021 ubushyuhe bwinshi buteganyijwe buri hagati ya 28°C na 30°C mu bice byinshi bya Kigali, Amayaga mu kibaya cya Bugarama, mu karere ka Bugesera no mu bice byinshi by'uturere twa Nyagatare, Gatsibo, Kayonza, Ngoma na Rwamagana. Ubushyuhe bugera kuri 32°C buteganyijwi mu bice bimwe by'Akarere ka Nyarugenge, Amayaga no mi kibaya cya Bugarama. Ubushyuhe bwo hejuru buri

hagati ya 22°C and 24°C nibwo buke buteganyijwe mu bice bimwe bya Gicumbi, Burera na Musanze mu ntara y'Amajyaruguru, mu turere twa Rubavu, Rutsiro na Ngororero mu ntara y'Iburengerazuba no muri Parike ya Nyungwe.

Ibisobanuro birambuye bya buri gace ku mvura n'umuyaga bihateganyijwe murabisanga ku ikarita ikurikira.